REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

# UKWEZI KWA GASHYANTARE 2017

10 Werurwe 2017

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8,1% mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2017 ugereranyije na Gashyantare 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 7,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 8,1% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 17,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 2,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 8,3%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2017 na Gashyantare 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 5,6 %.

Wagereranya ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2017) ibiciro byazamutseho 1.1%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 0,8% .

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 16,2% ugereranyije na Gashyantare 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 14,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 16,2% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 26,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 52,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2017) ibiciro byazamutseho 2,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa  byazamutseho 2,4%.

© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda 

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 13,4% ugereranyije na Gashyantare 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2017) byiyongereyeho 12,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 13,4% mu kwezi kwa Gashyantare 2017 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 24,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'u uburezi byazamutseho 23,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2017) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2017) ibiciro byazamutseho 1,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,0% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,7%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2016 kugeza muri Gashyantare 2017.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2016 kugeza muri Gashyantare 2017**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2016 | | | | | | | | | | | 2017 | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 4,4 | 4,6 | 4,7 | 4,6 | 5,5 | 6,9 | 6,4 | 5,8 | 7,4 | 6,4 | 7,3 | 7,4 | 8,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 7,1 | 6,5 | 4,3 | 4,3 | 6,7 | 8,3 | 8,1 | 8,3 | 10,0 | 10,6 | 13,0 | 14,5 | 16,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 6,1 | 5,8 | 4,4 | 4,4 | 6,3 | 7,8 | 7,5 | 7,4 | 9,1 | 9,1 | 11,0 | 12,0 | 13,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,4 | 0,9 | 0,8 | 0,5 | 0,9 | 1,1 | 0,5 | 0,5 | 1,4 | 0,1 | 0,3 | -0,4 | 1,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,8 | 1,9 | 0,6 | -0,2 | 1,1 | 1,4 | 1,9 | 2,3 | 4,0 | 0,7 | -0,5 | -0,3 | 2,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,7 | 1,6 | 0,7 | 0,0 | 1,0 | 1,3 | 1,4 | 1,7 | 3,1 | 0,5 | -0,2 | -0,3 | 1,9 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Ag. Director of Economic Statistics Department, NISR; oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw